La durée du mandat d'un auditeur externe est limitée à trois (3) ans. Un auditeur externe ne peut exercer deux mandats consécutifs auprès d'une même banque. En cas de révocation d'un auditeur externe, la banque en informe la Banque Centrale en indiquant les motifs de cette décision.

Banki itagifite umugenzuzi w'imari uturuka

Any bank that no longer has an external

Lorsqu'une banque est privée d'auditeur

hanze igomba gushyiraho undi mu gihe cy'ukwezi kumwe (1). Icyo gihe gishobora kongerwa incuro ebyiri Banki Nkuru ibyumvikanyeho na banki bireba.

auditor shall ensure the replacement of said external auditor within one month (1). That deadline can be extended twice by mutual agreement between the Central Bank and a bank.

externe, elle pourvoit à son remplacement endéans un (1) mois renouvelable deux fois sur entente mutuelle entre la Banque Centrale et la banque concernée.

Iyo igihe kivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo kirenze Banki Nkuru ubwayo ishyiraho umugenzuzi w'imari uturutse hanze wa banki.

After the period specified in Paragraph 3 of this Article, the Central Bank shall proceed with the appointment of the external auditor.

Passé ce délai indiqué à l'alinéa 3 du présent article, la Banque Centrale procède à la désignation de l'auditeur externe pour la banque

Uko umugenzuzi w'imari uturuka hanze yashyirwaho kose, banki bireba niyo imwihembera

In any case, the cost of the external auditor's remuneration shall be borne by the bank.

Dans tous les cas, la rémunération de l'auditeur externe est à la charge de la banque concernée.

Ingingo ya 51: Ibitabangikanywa n'umurimo w'umugenzuzi uturutse hanze

Article 51: Incompatibility of the function of external auditor

Article 51 : Incompatibilité de la fonction d'auditeur externe

Banki Nkuru ikoresheje amabwiriza igena ibitabangikanwa n'umurimo w'umugenzuzi uturutse hanze.

The Central Bank shall by regulation determine incompatibilities of the function of external auditor of a bank.

La Banque Centrale détermine par règlement les incompatibilités de la fonction d'auditeur externe.

Ingingo ya 52: Ibyo abagenzuzi baturutse hanze bategetswe

Article 52: Obligations of external auditors

Article 52 : Obligations incombant aux auditeurs externes

Abagenzuzi b'imari baturuka hanze b'amabanki bategetswe cyane cyane :

External auditors shall have, in particular, the following obligations:

Les auditeurs externes sont particulièrement soumis aux obligations suivantes ::

1° guhita bamenyesha Banki Nkuru, ikintu cyose babonye gishobora guhungabanya inyungu za banki, iz'ababikijemo cyangwa iz'abo ifitiye umwenda;

1° promptly informing the Central Bank of any occurrence that could jeopardize the interests of the bank, its depositors, or other creditors;

1° signaler immédiatement à la Banque Centrale, tout fait susceptible de mettre en péril les intérêts de la banque, de ses déposants ou des autres créanciers ;

2° kumenyesha ikintu cyose kinyuranije n'iterambere no kutubahiriza amategeko n'amabwiriza;

2° reporting to the Central Bank of any adverse developments and cases of noncompliance with laws and regulations;

2° signaler à la Banque Centrale toute situation contraire et cas de non respect des lois et règlements;

3° gushyikiriza Banki Nkuru kopi ya raporo y'ubugenzuzi bakoze nibura mu gihe cy'ibyumweru bitatu mbere y'uko inama y'ubutegetsi iterana. Izo raporo zikorwa hakurikijwe imiterere n'uburyo bugenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.

3° submitting a copy to the Central Bank, at least three weeks prior to the meeting of the bank's Board of Directors, their audit reports. These reports shall be prepared in the modalities set out in the regulation of the Central Bank.

3° remettre une copie de leurs rapports d'audit à la Banque Centrale, trois semaines au moins avant la réunion du Conseil d'Administration de la banque. Ces rapports sont établis selon les modalités fixées par le règlement de la Banque Centrale.

Ingingo ya 53: Ibihano bifatirwa

Article 53: Measures against external

Article 53 : Mesures contre l'auditeur

umugenzuzi uturutse hanze**auditor****externe**

Bitabujije ko banakurikiranwa mu rwego rw'umwuga wabo cyangwa mu bushinjacyaha, bitewe n'uburemere bw'ikosa Banki Nkuru ishobora gufatira umugenzuzi w'imari uturuka hanze kimwe muri ibi bihano bikurikira igihe atubahirije ibiteganywà n'ingingo ya 52 y'iri tegeko:

Without prejudice to any other disciplinary sanctions or penal proceedings, the Central Bank may apply, depending on the seriousness of the violation, one of the following sanctions to the external auditor in the event of non-compliance with the provisions of Article 52 of this Law:

Sans préjudice aux autres sanctions disciplinaires ou poursuites pénales, la Banque Centrale applique à l'auditeur externe l'une des sanctions suivantes selon la gravité de violation en cas non-conformité aux dispositions de l'article 52 de la présente loi :

1. kwihanangirizwa;

1. warning;

1. avertissement ;

2. kubuzwa gukomeza imirimo y'ubugenzuzi yakoraga muri iyo banki;

2. prohibition from carrying on audit operations of the bank;

2. interdiction de poursuivre les opérations d'audit de la banque;

3. gukurwa ku rutonde rw'abagenzuzi b'imari bemewe na Banki Nkuru mu gihe cyagenwa na Banki Nkuru;

3. withdrawal from the list of external auditors accredited by the Central Bank for a period determined by the Central Bank;

3. radiation de la liste des auditeurs externes agréés par la Banque Centrale, pour une durée déterminée par la Banque Centrale ;

4. gukurwa burundu ku rutonde rw'abagenzuzi b'imari rugenwa na Banki Nkuru ;

4. permanent removal from the list of external auditors accredited by the Central Bank;

4. radiation définitive de la liste des auditeurs externes accrédités par la Banque Centrale ;

5. ibihano by'amafaranga agenwa na Banki Nkuru.

5. pecuniary sanctions as determined by the Central Bank.

5. sanctions pécuniaires déterminées par la Banque Centrale.

UMUTWE WA VI: UBUGENZUZI BWA BANKI NKURU KU MA BANKI

CHAPTER VI: SUPERVISION OF BANKS BY CENTRAL BANK

CHAPITRE VI : SUPERVISION DES BANQUES PAR LA BANQUE CENTRALE

Ingingo ya 54: Ububasha bwa Banki Nkuru bwo kugenzura

Article 54: Supervision Power of the Central Bank

Article 54 : Pouvoir de supervision de la Banque Centrale

Banki Nkuru ikurikirana iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza ikoresheje uburyo bwo kugenzura.

The Central Bank shall ensure that banks are in compliance with legal and regulatory provisions through the supervision methods.

La Banque Centrale veille à ce que les banques se conforment aux dispositions légales et réglementaires par les méthodes de supervision.

Ikiguzi kijyane n'igenzura ryavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa n'amabanki nk'uko bigenwa n'amabwiriza ya Banki Nkuru.

The cost relating to the supervision referred to in Paragraph One of this Article shall be borne by banks according to the terms and conditions determined by the Central Bank regulation.

Le coût relatif aux activités de supervision mentionnées à l'alinéa premier de cet article est à la charge des banques selon les modalités et les conditions déterminées par le règlement de la Banque Centrale.

Ingingo ya 55: Igenzura ku cyicaro cya banki

Article 55: Onsite inspection

Article 55: Inspection sur place

<p>Abagenzuzi ba Banki Nkuru bafite uburenganzira bwo kwinjira mu biro bya banki iyo ari yo yose kugira ngo bakore igenzura.</p>	<p>The Central Bank inspectors have the right to enter any place of business of a bank for the purpose of supervision.</p>	<p>Les inspecteurs de la Banque Centrale-ont le droit d'entrer dans tous les lieux d'une banque à des fins de supervision.</p>
<p>Amabanki ategetswe kwemerera abagenzuzi boherejwe na Banki Nkuru kugenzura amafaranga babitse, impapuro zivunjwa amafaranga n'izindi mpapuro mpeshagaciro kimwe n'ibitabo byabyo, inyandiko-mvugo, ibyemezo byakirirwaho amafaranga n'izindi nyandiko zasabwa mu igenzura.</p>	<p>Banks shall be required to avail to the Central Bank inspectors their cash in hand, securities and other portfolio values, books, minutes, receipts, and any other documents required for inspection.</p>	<p>Les banques sont tenues de remettre aux inspecteurs de la Banque Centrale leur encaisse, les titres et d'autres effets de valeurs en portefeuille, livres, comptes rendus, reçus, et tous autres documents exigés pour l'inspection.</p>
<p>Abagenzuzi bashobora guhabwa inyandiko y'umwimerere cyangwa kopi y'inyandiko basabye kugira ngo bajye kuyisuzumira mu biro bya Banki Nkuru ariko bagatanga icyemezo ko bayijyanye.</p>	<p>Inspectors shall have the authority to require the hand-over to them, against a receipt, of the original or a copy of any document for analysis in the premises of the Central Bank.</p>	<p>Les inspecteurs ont le pouvoir d'exiger la remise contre décharge, d'original ou d'une copie de n'importe quel document en vue de leur examen dans les locaux de la Banque Centrale.</p>
<p>Ububasha Banki Nkuru ihabwa n'iri tegeko ibukoresha no ku bigo byose bifite ibaruramari rihurijwe hamwe n'irya banki.</p>	<p>The powers devoted to the Central Bank under this Law shall also be exercised with regard to any company of which accounts are consolidated with those of</p>	<p>Les pouvoirs dévolus à la Banque Centrale en vertu de la présente loi s'exercent également pour n'importe quelle société dont les comptes sont consolidés avec ceux de la banque.</p>

<p>Igenzura ryihariye rikorwa n’abagenzuzi ba Banki Nkuru kugira ngo basuzume iyubahirizwa ry’amategeko n’amabwiriza akumira kandi agahana ibyaha by’iyezandonke no gushyigikira iterabwoba.</p>	<p>the bank. Specific onsite supervision shall be carried out by the Central Bank inspectors, to assess compliance with the laws and regulations on prevention and penalizing the crime of money laundering and financing terrorism.</p>	<p>Une supervision spécifique sur lieu est conduite par les inspecteurs de la Banque Centrale, pour évaluer la conformité aux lois et aux règlements sur la prévention et repression du blanchiment de capitaux et du financement de terrorisme.</p>
<p>Amakuru yose yavuye mu igenzura agirwa ibanga agakoreshwa gusa mu rwego rwo kubahiriza iri tegeko n’irigenga Banki Nkuru.</p>	<p>All information obtained in the course of an inspection shall be treated as confidential and used solely for the purposes of this Law and of the Law governing the Central of Rwanda.</p>	<p>Toute information obtenue au cours d’une inspection est tenue confidentielle et seulement utilisée pour les fins de la présente loi et la loi régissant la Banque Centrale.</p>
<p>Ariko iki gika kivuzwe haruguru ntikibuza Banki Nkuru guhererekanya amakuru n’izindi nzego z’ubugenzuzi bifitanye amasezerano, inzego za Leta, inzego z’umutekano n’inkiko.</p>	<p>However, the provisions of paragraph 6 this Article shall prohibit the Central Bank to share information with other supervisory authorities under cooperation agreement, Government entities, Law enforcement authorities and Courts.</p>	<p>Cependant, les dispositions de l’alinéa 6 du présent ci-dessous, n’interdisent pas la Banque Centrale d’échanger les informations avec d’autres autorités de supervision dans le cadre de coopération, les entités étatiques, les organes d’exécutions de la loi et les Courts et Tribunaux.</p>

Ingingo ya 56: Igenzura rihujwe

Article 56: Consolidated supervision

Article 56 : Supervision consolidée

<p>Banki Nkuru igena ibipimo ngenderwaho, yakira no gusesengura ibyerekeye umutungo n'andi makuru ku mibare ihurije hamwe y'amabanki abarirwa hamwe, hibandwa cyane cyane ku mari shingiro ihagije, amafaranga abitse, imyenda minini, imyenda y'abafitanye isano na banki, ibipimo ntarengwa byo kutanga inguzanyo ndetse n'imiterere y'itsinda.</p>	<p>The Central Bank shall impose prudential standards, collect and analyze financials and other information on a consolidated basis for a banking group, covering areas such as capital adequacy, liquidity, large exposures, exposures to related parties, lending limits and group structure.</p>	<p>La Banque Centrale impose des normes prudentielles, collecte et examine les informations financières et toute autre information sur une base consolidée pour un groupe bancaire, couvrant l'adéquation du capital, la liquidité, les engagements importants, crédits aux personnes liées, les plafonds de crédit et la structure du groupe.</p>
---	---	--

<p>Banki Nkuru ifite ububasha bwo guhagarika gahunda y'ibikorwa amatsinda akomataniye ashobora gukora n'aho bishobora gukorerwa ikoresheje uburyo burimo n'ubwo gufunga amashami ya banki ari mu mahanga iyo yabonye ko:</p>	<p>The Central bank shall be vested with the power to limit the range of activities the consolidated group may conduct and locations in which activities can be conducted including the closing of foreign offices if it determines that:</p>	<p>La Banque Centrale est doté du pouvoir de limiter la liste d'activités que le groupe consolidé peut exercer et les lieux dans lesquels ces activités peuvent être exercées y compris la fermeture des bureaux étrangers quand elle trouve que :</p>
--	---	--

- | | | |
|--|--|--|
| <p>1° byahungabanije umudendezo n'imikorere myiza ya banki cyangwa itsinda rya banki, ibikorwa bishyira banki cyangwa amabanki abarirwa hamwe mu ngorane zikomeye nta buryo bunoze bwo kubikumira;</p> | <p>1° the safety and soundness of the bank and banking group are compromised and these activities expose the bank or banking group to excessive risk and are not properly managed;</p> | <p>1° la sécurité et la solidité de la banque et du groupe bancaire sont compromises et que ces activités exposent la banque ou le groupe bancaire au risque excessif et ne sont pas correctement gérés;</p> |
|--|--|--|

- | | | |
|--|---|---|
| <p>2° igenzura ry'abagenzuzi bandi ridakwiriye kubera ibikorwa bihari; no</p> | <p>2° the supervision by other supervisors is not adequate with regard to the risks the activities present; and</p> | <p>2° la supervision par d'autres superviseurs n'est pas adéquate en ce qui concerne les risques que les activités présentent ; et,</p> |
| <p>3° gukora igenzura rihamye rishingiye ku mibare ihuriye hamwe bibangamye.</p> | <p>3° the exercise of effective supervision on a consolidated basis is hindered.</p> | <p>3° l'exercice de la supervision efficace sur une base consolidée est entravé.</p> |

<p><u>Ingingo ya 57:</u> Igenzura ry' amosiyeti yabwawe n'andi, amashami n'ibiro by'abahagarariye banki nyarwanda zashinzwe mu mahanga</p>	<p><u>Article 57:</u> Supervision of subsidiaries, branches and representative offices of Rwandan banks located in foreign Country</p>	<p><u>Article 57 :</u> Supervision des filiales, des branches et des bureaux représentatifs des banques rwandaises situées dans un pays étranger</p>
---	---	---

<p>Banki Nkuru igenzura amabanki yabyawe n'amabanki, amashami y'amabanki, ibiro by'abahagarariye banki by'amabanki nyarwanda yashinzwe mu mahanga, hatabangamiwe ubasha bufitwe n'ubuyobozi bw'ubugenzuzi mu gihugu akoreramo.</p>	<p>The Central Bank shall supervise bank subsidiaries, branches, representative offices of Rwandan banks established in a foreign country, without prejudice to the power of the supervisory authority of the host Country.</p>	<p>La Banque Centrale supervise des filiales, des branches, des bureaux représentatifs des banques rwandaises établies dans un pays étranger, sans préjudice du pouvoir de l'autorité de supervision du pays d'accueil.</p>
--	---	---

<p>Igenzura ryavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ingingo rishobora gukorwa ku buryo bw'ubufatanye n'ubuyobozi bw'ubugenzuzi mu</p>	<p>The supervision stated in Paragraph One of this Article shall be done through cooperation with the</p>	<p>La supervision indiquée dans l'alinéa premier du présent article est exercée à travers la coopération avec l'autorité de</p>
---	---	---

gihugu cyakiriye hakoreshejwe amasezerano y'ubufatanye. supervisory authority of the host country by means of a cooperative agreement. supervision du pays d'accueil au moyen d'un accord de coopération.

Ingingo ya 58: Igenzura mu Rwanda rikozwe n'abagenzuzi bo mu gihugu cy'amahanga **Article 58: Inspection in Rwanda by supervisory authority of a foreign country** **Article 58 : Inspection au Rwanda par l'autirité de supervision d'un pays étranger**

Bitabangamiye iyubahirizwa ry'amasezerano y'ubufatanye ashobora kugiranwa n'ubuyobozi bw'ubugenzuzi bw'igihugu banki iturukamo; abagenzuzi bo mu gihugu cy'amahanga bashobora gukora imirimo yabo mu Rwanda mu mabanki yabyawe n'amabanki y'amanyamahanga no mu biro bihagarariye banki z'inyamahanga ari uko babanje kubimenyesha mu nyandiko Banki Nkuru. Without prejudice to the application of any cooperation agreement that may exist with the supervisory authority of the country of origin, inspectors from the supervisory authority of a foreign country may exercise their functions in Rwanda with regard to the supervision of subsidiaries and representative offices of their banks upon prior written notification to the Central Bank. Sans préjudice de l'application de l'accord de coopération existant avec l'autorité de supervision du pays d'origine, les inspecteurs de l'autorité de supervision d'un pays étranger peuvent exercer leurs fonctions au Rwanda pour ce qui est de la supervision des filiales et bureaux représentatifs de leurs banques sur notification écrite préalable adressée à la Banque Centrale.

Ingingo ya 59: Raporo y'igenzura **Article 59: Report of inspection** **Article 59: Rapport d'inspection**

Imyanzuro y'igenzura ryakozwe na Banki Nkuru ishyikirizwa Inama y'Ubutegetsi, ubuyobozi bwa banki yagenzuwe bukagenerwa kopi. Iyo The results of inspections conducted by the Central Bank shall be reported to the Board of Directors and a copy thereof Les résultats des inspections effectuées par la Banque Centrale sont communiqués au Conseil d'Administration et une copie est

myanzuro ishobora no guhabwa abagenzuzi b'imari baturuka hanze.	sent to the management of the inspected bank. Such results may also be forwarded to external auditors.	réservée à la direction de la banque inspectée. De tels résultats peuvent également être transmis aux auditeurs externes.
Banki yagenzuwe igomba gushyikiriza Banki Nkuru gahunda y'ibikorwa igena uburyo imyanzuro iri muri raporo izashyirwa mu bikorwa. Gahunda y'ibikorwa igomba kwerekana igihe ntarengwa buri mwanzuro uzashyirirwa mu bikorwa.	The inspected bank shall submit to the Central Bank an action plan for implementing all recommendations set out in the report. The action plan shall indicate the deadline within which each recommendation shall be implemented.	Une banque inspectée soumet à la Banque Centrale un plan d'action de mise en exécution de toutes les recommandations mentionnées dans le rapport. Le plan d'action indique la date limite à laquelle chaque recommandation sera mise en application.
Iyo gushyira mu bikorwa imyanzuro ya Banki Nkuru byananiranye, Banki Nkuru ishobora gushaka umuti w'ikibazo cyangwa igafatira ibihano iyo banki nk'uko biteganywa n'ingingo z'iri tegeko.	Failure to implement the Central Bank recommendations may lead the Central Bank to take a remedial action or sanction against the concerned bank in accordance with the provisions of this Law.	La non- exécution des recommandations de la Banque Centrale, peut pousser cette dernière à prendre une mesure corrective ou une sanction contre la banque concernée selon les dispositions de la présente loi.
Imyanzuro ya Banki Nkuru ivugwa muri iyi ngingo ifatwa nk'ibyemezo bya Banki Nkuru.	The recommendations of the Central Bank referred to in this article shall be considered as Central Bank decisions.	Les recommandations de la Banque Centrale visées dans le présent article sont considérées comme des décisions prises par celle-ci.

Ingingo ya 60 : Uburyo bwo kugeza amakuru kuri Banki Nkuru

Article 60: Modalities for communication of information to the Central Bank

Article 60 : Modalités de communication des informations à la Banque Centrale

Amabanki ategetswe kugeza kuri Banki Nkuru inyandiko yose n'imiterere y'umutungo, hakoreshejwe kuzuzanya inyandikombonera kandi mu ngarukagihe igenwa na Banki Nkuru. Amabanki kandi agomba kuyiha amakuru yose, n'ibindi bisobanuro isaba.

Banks shall be required to submit to the Central Bank any document and financial statement by filling out sample forms and complying with periodicity requirements determined by the Central Bank. They shall also be required to provide the Central Bank with any information, clarification, or explanation that it may request for.

Les banques sont tenues de communiquer à la Banque Centrale tout document, toute situation financière, en remplissant les formulaires types et suivant la périodicité déterminée par la Banque Centrale. Elles sont également tenues de fournir à la Banque Centrale tout renseignement, éclaircissement ou justification qu'elle peut exiger.

Banki Nkuru ishobora na none gusaba undi muntu uwo ari we wese ufitanye isano n'imirimo ya banki inyandiko cyangwa ibisobanuro byerekeye iyo banki.

The Central Bank may require that any person having a relationship with a bank provide any document or information concerning that bank.

La Banque Centrale peut exiger de toute autre personne qui entretient des rapports avec une banque, tout document ou renseignement concernant cette banque.

Yaba ufitemo imigabane, ugize Inama y'Ubutegetsi, umuyobozi cyangwa umukozi wese, ntawe ugomba kwitwaza ibanga ry'akazi ngo yimane amakuru asabwa na Banki Nkuru.

No shareholder, board member, manager or any staff of a bank may invoke professional secrecy as a ground for non-disclosure of information

Aucun actionnaire, membre du Conseil d'Administration, dirigeant ou employé d'une banque ne peut invoquer le secret professionnel pour ne pas fournir des

required by the Central Bank.

informations exigés par la Banque Centrale.

Ingingo ya 61: Gutangaza imiterere y'imari y'amabanki bikorwa na Banki Nkuru

Article 61: Publication of the financial situation of banks by the Central Bank

Article 61 : Publication de la situation financière des banques par la Banque Centrale

Banki Nkuru yemerewe gutangaza imiterere y'imari y'amabanki ihuriye hamwe mu gice kimwe cyangwa yose.

The Central Bank shall be authorized to publish, in whole or in part, the consolidated financial situation provided to it by banks.

La Banque Centrale est autorisée de publier en totalité ou en partie, la situation financière consolidée lui donnée par des banques.

Cyakora, itangazwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntirishobora gushyirwamo imiterere yihariye y'umutungo wa banki cyangwa iy'uw'umukiriya ku giti cye, keretse iyo ari inyandiko Banki Nkuru imenyeshya amabanki n'ibigo by'imari yerekeye inguzanyo n'ingorane ziri mu byo kwishyura.

However, the publication referred to in Paragraph one of this Article may in no case refer to the financial situation of a specific bank or individual customer, unless the Central Bank is communicating information to banks and financial institutions regarding credit operations and payment incidents.

Cependant, la publication mentionnée à l'alinéa premier de cet article ne peut en aucun cas porter sur la situation financière d'une banque spécifique ou d'un client individuellement à moins que la Banque Centrale ne communique aux banques et aux institutions financières des informations relatives aux opérations de crédit et aux incidents de paiement.

UMUTWE WA VII: INGAMBA N'IBIHANO KU MYITWARIRE MIBI

CHAPTER VII: CORRECTIVE AND DISCIPLINARY MEASURES

CHAPITRE VII : MESURES CORRECTIONNAIRES ET

DISCIPLINAIRES

Ingingo ya 62: Ibihano bifatirwa banki

Article 62: Correctives measures against a bank

Article 62 : Mesures correctionnaires contre une banque

Iyo banki inyuranyije cyangwa itubahirije ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa, amabwiriza n'ibyemezo byafashwe ishobora gufatirwa ingamba zikurikira, hakurikijwe uburemere bw'ikosa:

In case a bank violates or fails to comply with provisions of this Law or its implementing regulations, directives and decisions thereof, it may be liable, depending upon the seriousness of the violations, to the following corrective measures:

La banque qui viole ou ne respecte pas les dispositions de la présente loi, ses règlements, d'application, les directives et décisions de la Banque Centrale peut être passible, selon leur gravité, des mesures correctionnaires ci après:

1° kwihanangirizwa mu nyandiko;

1° written warning;

1° avertissement écrit ;

2° guhagarikirwa inkunga yose ya Banki Nkuru;

2° suspension of all assistance from the Central Bank;

2° suspension de toute assistance de la Banque Centrale;

3° kubuzwa kumenyekanisha cyangwa kwishyura inyungu ku mugabane;

3° prohibition from declaring or paying dividends;

3° interdiction de déclaration ou de paiement de dividendes ;

4° kubuzwa gushinga andi mashami;

4° prohibition from establishing new branches;

4° interdiction de créer de nouvelles branches ;

5° kubuzwa gutangira ibikorwa bishya cyangwa kwagura ibihari;	5° prohibition from engaging in new activities or expanding existing activities;	5° interdiction d'exercer de nouvelles activités ou d'expansion d'activités existantes ;
6° guhagarikwa gutanga inguzanyo, gushora imari n'ibikorwa byo kwagura uburyo bwo kuguriza;	6° suspension of lending, investment, and credit extension operations;	6° suspension du prêt, de l'investissement, et des opérations de prolongation de crédit ;
7° kubuzwa kugira indi mitungo itimukanwa binyuze mu buryo bwo kugura cyangwa kugurisha;	7° prohibition from acquiring, through purchase or lease, additional fixed assets;	7° interdiction d'acquisition d'autres biens immobiliers par l'achat ou le bail;
8° kubuzwa kwakira andi mafaranga abitse cyangwa andi yerekeye inguzanyo;	8° prohibition from accepting further deposits or other lines of credit;	8° interdiction d'accepter d'autres dépôts ou d'autres lignes de crédit ;
9° kubuzwa kutanga, uduhimbazamusyi, uduhimbazamushyi ku mushahara, imperekeza, amafaranga yo kwifashisha cyangwa n'andi yahabwa abagize Inama y'Ubutegetsi, abayobozi n'abakozi;	9° prohibition from declaring bonuses, salary incentives, severance packages, management fees or other discretionary compensation to Board of Directors, managers and staff;	9° interdiction de payer des primes sur salaire, des augmentations des salaires, des indemnités de cessation, des honoraires de gestion ou toute autre compensation discrétionnaire aux membres du Conseil d'Administration, aux gérants et au

personnel;

10° kwamburwa uruhushya rwo gukora;

10° revocation of a license;

10° révocation d'un agrément ;

11° izindi ngambe Banki Nkuru yagena

11° any other corrective measure determined by the Central Bank.

11° toute autre mesure correctionnaire que la Banque Centrale peut prendre ;

Ingingo ya 63: Impamvu zo kwamburwa uruhushya rwo gukora

Article 63: Grounds for revocation of a license

Article 63 : Motifs de retrait d'agrément

Banki Nkuru ishobora kwambura banki uruhushya rwo gukora yahawe mu gihe icyo aricyo cyose iyo:

The Central Bank may revoke a license granted to a bank at any time if :

La Banque Centrale peut retirer l'agrément accordé à une banque à tout moment si la banque:

1° hashize amezi atandatu(6) itaratangira gukora uherye igihe yemerewe gukora;

1° the bank has not commenced operations within six (6) months from the date on which the license was granted;

1° n'a pas débuté des opérations dans les six (6) mois à partir de la date d'agrément ;

2° yarahagaritse gukora mu gihe kirenze ukwezi kumwe;

2° the bank has ceased operating for a period of more than one month;

2° a cessé ses opérations pendant une période de plus d'un mois ;

- | | | |
|---|--|---|
| 3° yarabonye uruhushya hashingiwe ku makuru atariyo cyangwa mu buryo bw'uburiganya, | 3° the bank has obtained the license through incorrect statements or fraudulent means; | 3° a obtenu l'agrément par des déclarations fausses ou moyen fraudulieux ; |
| 4° itacyujuje ibisabwa ngo yemererwe; | 4° the bank no longer meets the applicable licensing criteria; | 4° ne répond plus aux critères d'agrément applicables; |
| 5° sosiyeti iyibyara iri guseswa; | 5° the parent company is undergoing liquidation; | 5° a une société mère est en liquidation; |
| 6° banki ikora ibikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba; | 6° the bank is engaged in money laundering and financing terrorism activities; | 6° la banque est engagée dans des activités de blanchiment de capitaux et de financements de terrorisme |
| 7° iyo ikora ibikorwa bibangamira ubusugira bw'urwego rw'imari. | 7° the bank perform activities compromising the soundness of the financial sector. | 7° mène les activités compromettant la solidité du secteur financier. |

Ingingo ya 64: Ingaruka zo kwamburwa uruhushya rwo gukora

Article 64: Consequences of license revocation

Article 64 : Conséquences de retrait d'agrément

Banki yose yambuwe uruhushya rwo ikorerwa Any bank from which the license is Toute banque dont l'agrément est retiré entre

iseswa ritegetswe hubahirijwe ibikubiye mu ngingo z'iri tegeko keretse Banki Nkuru ibitegetse ukundi.

revoked shall be subject to the forced liquidation in accordance with the provisions of this law unless the Central Bank decides otherwise.

en liquidation forcée conformément aux dispositions de la présente loi sauf si la Banque Centrale en décide autrement.

Ingingo ya 65: Ibihano bifatirwa abagize inama y'ubutegetsi n'abayobozi ba banki

Article 65: Sanctions applicable to Directors and managers of a bank

Article 65: Sanctions applicables aux dirigeants et aux gérants d'une banque

Iyo Banki Nkuru ibona ko umuntu uri mu Nama y'Ubutegetsi, mu buyobozi bwa banki, yakoze ibinyuranye n'iri tegeko, amabwiriza yo kuryubahiriza cyangwa ibyemezo bya Banki Nkuru ashobora guhabwa ibihano bikurikira hakurikijwe uburemere bw'amakosa yabyo:

Should the Central Bank determine that a Board of Directors member, a management member of a bank has violated the provisions of this Law, its implementing regulations, directives or decisions of the Central Bank, the concerned person shall be liable depending on the seriousness of violation, one of the following disciplinary measures:

Lorsque la Banque Centrale découvre que les personnes qui font partie du Conseil d'Administration ou de direction d'une banque, ont violés les dispositions de la présente loi, ses règlement d'application, les directives et décisions de la Banque Centrale, elles sont passibles, selon la gravité de la violation, des mesures disciplinaires ci-après:

1° kwihanangirizwa;

1° warning;

1° avertissement ;

2° guhagarikwa by'agateganyo;

2° temporary suspension;

2° suspension provisoire ;

3° kwirukanwa nta mpaka;

3° automatic dismissal.

3° revocation d'office.

Ingingo ya 66: Ibihano mu mafaranga

Article 66: Pecuniary sanctions

Article 66 : Sanctions pécuniaires

Banki Nkuru, ikoresheje amabwiriza, ishyiraho ibihano mu mafaranga bihabwa amabanki igihe atubahirije ibiteganwa n'iri tegeko, amabwiriza yatanze n'ibyemezo yafashe.

The Central Bank shall by regulation determine pecuniary sanctions applicable to banks that violate the provisions of this law, of its regulations, directives, and decisions.

La Banque Centrale est habilitée à fixer par règlement les sanctions pécuniaires applicables aux banques en cas de violation des dispositions de la présente loi, ses règlements, instructions et décisions.

Ibyo bihano bifatwa bisimbuye cyangwa byiyongereye ku bihano bivugwa mu ngingo ya 62 n'ya 65 z'iri tegeko.

These penalties shall be imposed in lieu of, or in addition to, the sanctions set forth in Articles 62 and 65 of this law.

Ces pénalités sont prononcées, soit à la place, soit en sus des sanctions prévues aux articles 62 et 65 de la présente loi.

Amafanga akomotse kuri ibyo bihano ahabwa Banki Nkuru akuwe nta mpaka kuri konti ya banki bireba, yafunguwe muri Banki Nkuru, bitaba ibyo hagakoreshwa ifatiratambama ribanzirizwa n'inyandiko nteguza inyujijwe ku muhesha w'inkiko.

The sums related to the penalties shall be recovered in the favor of the Central Bank through automatic debiting of the concerned bank's account opened in the Central Bank or through a garnishment upon simple summons notified by a bailiff.

Les sommes provenant de ces pénalités sont recouvrées en faveur de la Banque Centrale par débit automatique du compte de la banque concernée ouvert dans ses livres ou, à défaut, par saisie-arrêt après simple sommation notifiée par voie d'huissier.

Nta gihano cy'amafaranga gishobora kujya hejuru ya gatanu ku ijana (5%) by'umubare ntarengwa wo hasi w'imari shingiro itegetswe kuri banki.

No pecuniary sanction may exceed five percent (5%) of the minimum capital requirement to which the bank is subject.

Aucune sanction pécuniaire ne peut être supérieure à cinq pour cent (5%) du capital minimum auquel est assujettie la banque.

UMUTWE WA VIII. INGAMBA ZO KUVANA AMABANKI MU BIBAZO

CHAPTER VIII: RESOLUTION MEASURES OF PROBLEM BANKS

CHAPITRE VIII : MESURES REDRESSEMENT DE BANQUES EN DIFFICULTES

Icyiro cya mbere: Gahunda y'izahura rya banki

Section One: Recovery plan

Section première : Plan de redressement

Ingingo ya 67: Ibitegetswe muri gahunda y'izahurwa rya banki

Article 67: Recovery plan requirements

Article 67: Exigences du plan de redressement

Iyo Banki Nkuru isanze imiterere y'imari ya banki igomba kuzahurwa, isaba abagize Inama y'Ubutegetsu, ubuyobozi, abafitemo imigabane cyangwa abandi bafite uruhare ku mutungo wa banki, kuyigezaho gahunda y'izahurwa rya banki, kugira ngo iyemeze.

The Central Bank may, if the situation so require, take prompt corrective actions that require the bank's Board of Directors members, management, shareholders or other owners of the bank to submit a recovery plan to the Central Bank for its approval.

Lorsque la Banque Centrale estime que la situation d'une banque mérite un redressement, elle demande aux membres du Conseil d'Administration de la banque, à la Direction, aux actionnaires ou à d'autres propriétaires de la banque de lui soumettre un plan de redressement de la banque pour approbation.

Mu gihe Banki Nkuru isanze gahunda y'izahurwa yatanzwe na banki idasobanutse mu kuvugurura banki, ishobora gufata ingamba ziteganywa muri uyu Mutwe cyangwa Umutwe wa IX w'iri tegeko.

If the Central bank is not satisfied that the recovery plan submitted by the bank is effective for the recovery of the bank, it may take any of the resolution measures provided in this Chapter or Chapter IX of this Law.

Si la Banque Centrale n'est pas convaincue que le plan de redressement lui soumis par la banque est efficace pour le redressement d'une banque, elle peut prendre d'autres mesures de redressement prévues sous le présent chapitre ou au chapitre IX de la présente loi.

Ingingo ya 68: Ibikubiye muri gahunda y'izahura rya banki

Article 68: Content of the recovery plan

Article 68: Contenu du plan de redressement

Gahunda y'izahura ishingira kuri ibi bikurikira:

The recovery plan shall consist among other things, in:

Le plan de redressement consiste notamment en ce qui suit:

1° gufata, mu gihe kigenwe, ibyemezo byose bigamije kugarura cyangwa gushimangira imiterere y'imari, cyane cyane guteganya amafaranga yo gukemura ingorane zavuka;

1° taking, within a set timeframe, any measures designed to restore or strengthen the bank financial equilibrium, through allocation of funds to cover possible risks;

1° prendre, dans un délai déterminé, toutes mesures de nature à rétablir ou à renforcer l'équilibre financier de la banque, grâce à des provisions destinées à couvrir les risques éventuels ;

2° guteganya amafaranga y'ingobaka no gushyira andi mafaranga ku ruhande;

2° constituting provisions and reserves;

2° constituer des provisions et réserves ;

3° guhagarika kwishyura inyungu ku migabane;

4° kongera imari shingiro mu mafaranga ndetse n'indi nkunga yose y'amafaranga cyangwa y'ingwate;

5° gusubira mu miterere n'imikorere bya banki kugira ngo uburyo bwo gukora no gucunga umutungo wayo urusheho gutungana.

3° suspending the payment of dividends;

4° encreasing the capital, as well as any other financial support or guarantee;

5° proceeding with required reorganization of the operating structure of the bank in order to improve the quality of its operations and management;

3° suspendre le payment des dividendes ;

4° augmenter le capital, ainsi que tout autre soutien financier ou garantie ;

5° réorganiser les structures nécessaires de la banque en vue d'améliorer la qualité de ses méthodes de fonctionnement et ses moyens de gestion ;

Icyiciro cya 2: Ishyirwaho ry'umuyobozi udasanzwe

Section 2: Appointment of a Special Administrator

Section 2: Nomination d'un administrateur spécial

Ingingo ya 69: Ishyirwaho umuyobozi udasanzwe

Article 69: Grounds for appointing a Special Administrator

Article 69 : Motifs de designation un administrateur spécial

Banki Nkuru ishobora gushyiraho umuyobozi udasanzwe muri banki iyo bigaragaye ko:

The Central Bank may appoint a Special Administrator for a bank if it is established that:

La Banque Centrale peut nommer un administrateur spécial pour une banque s'il est evident que:

1° banki yica ibikubiye muri iri tegeko, kimwe no mu mabwiriza yo kuryubahiriza;	1° the bank is violating the provisions of this Law and its implementing regulations and directives;	1° la banque viole les dispositions de la présente loi et de ses règlements et directives d'application;
2° banki itubahiriza ibyo yemeye mu iyemerwa ryayo;	2° the bank is not complying with the terms of its licensing;	2° la banque ne se conforme pas aux limites de son agrément ;
3° imiterere y'imari ya banki itumye biba ngombwa;	3° the financial situation of the bank requires it;	3° la situation financière de la banque l'exige ;
4° banki ifite imigendereze yatuma igwa mu ngorane cyangwa iteye inkeke;	4° the bank is engaged in risky and dangerous banking practices;	4° la banque est engagée dans des pratiques bancaires risquées et dangereuses ;
5° banki ikora ibikorwa by'iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;	5° the bank is engaged in money laundering and financing terrorism activities;	5° la banque est engagée dans des activités de blanchiment de capitaux et de financements de terrorisme ;
6° banki ibangamira ibikorwa by'igenzura bya Banki Nkuru;	6° the bank is hindering the supervisory activities of the Central Bank;	6° la banque entrave des activités de supervision de la Banque Centrale;
7° banki ibangamiye ibikorwa by'abagenzuzi bo hanze;	7° the bank is hindering the work of the external auditor;	7° la banque entrave le travail de l'auditeur externe ;

8° imiterere ya banki ishobora guhungabanya inyungu z'abayibikijemo;

9° ari ngombwa kubungabunga imiterere y'iby'imari muri rusange.

8° the bank's situation may jeopardize interests of its depositors;

9° it is necessary to ensure the stability and soundness of the banking system as a whole.

8° la situation de la banque peut compromettre des intérêts de ses déposants ;

9° il est nécessaire d'assurer la stabilité et la solidité du système bancaire dans l'ensemble.

Ingingo ya 70: Akazi k'umuyobozi udasanzwe

Banki Nkuru ishingiyeye ku biteganywa n'iri tegeko kandi ikurikije uburemere bw'ibiteganyijwe mu ngingo ya 69 y'iri tegeko, ishobora guha umuyobozi udasanzwe ubutumwa bumwe cyangwa bwinshi muri ubu bukurikira:

1° gukora iperereza muri banki;

Article 70: Mandates of the Special Administrator

The Central Bank may, by virtue of the provisions of this Law and depending upon the seriousness of the circumstances described in Article 69 of this Law, assign to the Special Administrator one or more of the following mandates:

1° conducting investigation within the bank;

Article 70 : Mandats de l'administrateur spécial

La Banque Centrale peut, en vertu des dispositions de la présente loi et en fonction de la gravité des circonstances décrites à l'article 69 de la présente loi, donner à l'Administrateur Spécial un ou plusieurs des mandats suivants :

1° mener des investigations auprès d'une banque;

<p>2° kubanza kwemeza ibyemezo, amabwiriza atangwa, amasezerano y'ubwumvikane n'ibindi bikorwa bya banki;</p>	<p>2° granting prior approval of a bank's decisions, instructions, transactions, and other operations of the bank;</p>	<p>2° approuver préalablement les décisions, instructions, transactions et autres opérations d'une banque;</p>
<p>3° gucunga banki;</p>	<p>3° management of a bank;</p>	<p>3° gérer la banque;</p>
<p>4° kuzahura banki;</p>	<p>4° reorganizing a bank</p>	<p>4° réorganiser la banque.</p>
<p>Inshingano z'umuyobozi udasanzwe zisobanurwa mu nyandiko ya Banki Nkuru imushyiraho.</p>	<p>Duties of the Special Administrator shall be defined in the Central Bank's appointment Order.</p>	<p>Les compétences de l'Administrateur Spécial sont définies dans l'acte de désignation de la Banque Centrale.</p>
<p>Banki Nkuru ishobora igihe icyo ari cyo cyose guhindura cyangwa guhagarika ubutumwa bw'umuyobozi udasanzwe.</p>	<p>The Central Bank may at any time modify or suspend the mandate of the Special Administrator.</p>	<p>La Banque Centrale peut à tout moment modifier ou suspendre le mandat de l'Administrateur Spécial.</p>
<p>Ntawitwaza inshingano y'ibanga ry'akazi rya banki cyangwa ry'abandi bantu bakorana nayo ngo yime ibyo asabwa n'umuyobozi udasanzwe.</p>	<p>No person may invoke professional secrecy obligation towards a bank or other persons related to it as grounds for non-disclosure of information required by the Special Administrator.</p>	<p>L'obligation au secret professionnel de la banque et des personnes qui entretiennent des rapports avec elle n'est pas opposable à l'Administrateur Spécial.</p>

Ingingo ya 71: Igabanywa n'iyongerwa Article 71: Limitations and extension Article 71 : Limites et extension des

ry'ububasha bw'umuyobozi udasanzwe

of power of the Special Administrator

pouvoirs de l'administrateur spécial

Banki Nkuru ishobora gufata icyemezo cyo gutegeka aho ububasha bw'umuyobozi udasanzwe n'uburyo bwo kubukoresha bigarukira.

The Central Bank may by decision, impose limits and conditions upon the exercise of the powers of the Special Administrator.

La Banque Centrale peut, par décision, imposer des limites et des conditions à l'exercice des pouvoirs de l'administrateur spécial.

Hejuru y'ibyo afitiye ububasha buteganywa mu nyandiko imushyiraho, umuyobozi udasanzwe ashobora no gufata ibindi byemezo abanje kubibonera uruhushya rwa Banki Nkuru.

In addition to competences mentioned in the appointment order, the Special Administrator may make any other decision subject to prior authorization of the Central Bank.

Outres les compétences mentionnées dans l'acte de désignation, l'administrateur spécial peut prendre toute autre décision moyennant autorisation préalable de la Banque Centrale.

Ingingo ya 72: Ubutumwa bw'umuyobozi udasanzwe bwo gukora iperereza

Article 72: Investigation mandate of the Special Administrator

Article 72: Mandat d'investigation de l'administrateur spécial

Iyo umuyobozi udasanzwe afite ubutumwa bwo gukora iperereza muri banki, akora iperereza iryo ari ryo ryose cyangwa isesengura ry'imibare asanga ari ngombwa.

Where the mandate consists in conducting investigations, he/she may conduct any investigation or audit of a bank as he/she deems necessary.

Lorsque l'administrateur spécial a pour mandat de mener des investigations auprès d'une banque, il procède à toute enquête ou audit qu'il juge nécessaire.

Banki igomba kumufasha muri byose, ikamuha uburyo bwo akeneye baba abantu cyangwa ibikoresho.

The bank shall provide full cooperation to the Special Administrator and give him/her any human and material

La banque doit lui assurer à l'administrateur spécial la pleine coopération, en mettant à sa disposition tous les moyens humains et

resources he/she may require.

matériels dont il a besoin.

Ingingo ya 73: Ubutumwa bw'umuyobozi udasanzwe bwo kubanza kwemeza

Iyo umuyobozi udasanzwe afite ubutumwa bwo kubanza kwemeza ibyemezo, amabwiriza atangwa, amasezerano y'ubwumvikane n'ibindi bikorwa bya banki, Banki Nkuru isobanura, mu nyandiko imushyiraho, ibyo byemezo, ayo mabwiriza n'ibyo bikorwa abanza kwemeza ibyo ari byo.

Kuva Banki Nkuru ishyizeho umuyobozi udasanzwe kugira ngo akore ibivugwa mu gika kibanza, amasezerano y'ubwumvikane yose n'ibikorwa byakozwe na banki umuyobozi udasanzwe atabanje kubyemeza, bishobora guseswa na Banki Nkuru. icyo gihe umutungo weguriwe n'uwishyuye uragaruzwa.

Article 73: Mandate of a Special Administrator for prior approval

